## 1. Itangiriro

Ubuhinzi bugize kimwe cya gatatu (1/3) cy'ubukungu bw'u Rwanda, bugatanga hafi ya kimwe cya kabiri (1/2) cy'ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga, harimo: ikawa, icyayi, ibireti hamwe n'ibikomoka ku mboga, imbuto n'indabo kandi butanga akazi ku bajya kungana na bibiri bya gatatu (2/3) by'abaturage bose bageze igihe cyo gukora. 75% by'umusaruro ukomoka ku buhinzi uturuka ku bahinzi bato baciriritse. Muri iki gihe, ijanisha ry'ibura ry'imirimo mu rubyiruko riri kuri 21%, mu gihe 50 % by'urubyiruko ruri hagati y'imyaka 16 na 30 bari mu mwuga w'ubuhinzi, benshi muri bo bakora ubuhinzi bucirirtse kubera ubutaka buto, ihindagurika ry'ibihe, no kubura igishoro mu bigo by'imali(ytr 2016/17).

Umuryango Imbuto Foundation ku bufatanye na friends of Imbuto Foundation ndetse na Minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi yatangije gahunda yitwa **"Imali Agribusiness challenge"** igamije gushyigikira urubyiruko ruri mu buhinzi bugezweho, bwita ku bidukikije , ruhinga ibihingwa ngengabukungu kandi butanga imirimo ku rundi rubyiruko.

## 2. Icyiciro cya 1:

Iki ni icyiciro cya kabili y'umushinga **Imali"** ugamije gushyigikira urubyiruko ruri mu buhinzi rukoresha ikoranabuhanga, bwita ku bidukikije , ruhinga ibihingwa ngengabukungu kandi butanga imirimo ku rubyiruko.

Izi ni zimwe muri Criteria zizashingirwaho mu guhitamo imishinga izahiganwa :

1. *Kuba ari umushinga uri mu buhinzi bwongera umusaru*
2. *Kuba ari umushinga w'ubushakashatsi mu buhinzi*
3. *Kuba ari umushinga wita ku bidukikije*
4. *Kuba uri Umushinga ukorana nibura n' abahinzi barenga 200 kandi witeguye kubyerekana*
5. *Kuba ari umushinga ukangurira urubyiruko kwitabira ubuhinzi n'ubworozi.*

## 3. Umwirondoro w'Uwiyandikisha

Uzuza umwirondoro wawe hano:

Amazina ______________________________________________________

Itariki y'amavuko ___________________________________________

Igitsina: Gabo ☐ Gore ☐

Ubwenegihugu ________________________________________________

Intara ___________________________________________________

Akarere _________________________________________________

Telefone ________________________________________________

Email bwite ______________________________________________

Akazi Ukora ______________________________________________

**4.** Ni iyihe mpamvu itumye witabira gahunda ya Imali Agribusiness challenge? (Nturenze amagambo 200)

**5.** Uri rwiyemezamirimo ku giti cyawe cyangwa mukora nk'itsinda? Andika umubare w'abagize itsinda, imyirondoro y'bagize Komite y'itsinda buri umwe (Amazina, Itariki y'amavuko, Igitsina, Ubwenegihugu, Intara, Akarere, Email bwite, Telefone igendanwa, n'icyo ashinzwe mu itsinda).

**6.** Umushinga wawe ugeze ku rihe Janisha? Uracyari igitekerezo? Uracyari mu igeragezwa, cyangwa wawushyize m u b i k o r wa ? Ukorera he? (Nturenze Amagambo 150)

**7.** Umushinga wawe uri mu kihe cyiciro, ni ukongera umusaruro, ubushakashatsi, gufata neza umusaruro, kuwongerera agaciro, iyamamaza buhinzi? Ni uwuhe mwihariko ufite muri uwo mushinga? Warabyize cyangwa ni uburambe?

**8.** Ni gute ukoresha ikoranabuhanga? Ni gute wita ku bidukikije?

(Nturenze amagambo 100)

**9.** Ni ubuhe bumenyi ufite buzagufasha gushyira mu bikorwa umushinga wawe? Ubumenyi bushobora kuba bwaravuye mu byo wize mu ishuri cyangwa uburambe ufite mu kazi runaka ukora (Nturenze Amagambo 200)

**10.** Umushinga wawe ufite abagenerwabikorwa bangahe? Nubona Inkunga ya Imali Agribusiness challenge uzagera kuri bangahe? Uzabagezaho ibikorwa mu buhe buryo? (Nturenze Amagambo 100)

**11.** Umushinga wawe ubyara inyungu ute? Erekana ishusho y'amafaranga winjiza? (Nturenze Amagambo 200)

**12.** Ni gute umushinga wawe uzagera kandi ugafasha urubyiruko kwitabira ubuhinzi?

(Nturenze Amagambo 200)

**13.** Hari izindi nkunga waba warabonye kuri uyu mushinga wawe? Niba igisubizo ari yego? Andika amazina y'abaterankunga bawe n'ibihugu bakoreramo na aderesi zabo (Nturenze Amagambo 200)

**14.** Uramutse utoranyijwe muri iyi gahunda ya Imali Agribusiness challenge wabasha kuboneka hagati ya Werurwe 2023 kugeza Nzeri 2023 kugira ngo witabire amahugurwa ndetse n'umwiherero?

Yego ☐ Oya ☐

**15**. Tanga ibisobanuro birambuye ku gisubizo watanze haruguru niba ubyifuza (Nturenze Amagambo 100